



DISCOVER
ITS BEAUTY

Igice 7

# INTUMWA YA NYUMA

DR. NAJI IBRAHIM



# Intumwa ya nyuma


Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) mwene Abdullah, yavukiye I Maka ahagana mu mwaka wa 570 nyuma ya Yesu. Abantu be bamumenye cyane ku izina rya Al-Amin (Umwizerwa). Ubwo Muhamadi yari agejeje ku myaka 40, Malayika Gaburiyeri yaramuziye amuzanira ibyahishuwe. Bwambere, Muhamadi yabwiwe ko agomba kubanza kubwiriza abo mu muryango we, barimo umugore we Khadijah, abakangurira kugana Isilamu; nyuma yaho rero, nibwo yahishuriwe ko agomba kugeza ubutumwa bwa Allah ku bantu bose.

Mu gihe cyose yari asigaje cy'ubuzima bwe, yagejeje ubu butumwa ku bantu, ababera imbonera, ababera intangarugero. Mu mwaka wa 632, nibwo Intumwa y'Imana Muhamadi yasezeye ku isi, ifite imyaka mirongo itandatu n'itatu.

Intumwa y'Imana Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yitwa "Uwasoreje izindi ntumwa". Nk'Intumwa ya nyuma, yaje guhamya ukuri kose kwahishuwe mbere ye, harimo Ivanjili ya Yesu (itandukanye n'iyo tubona kuri ubu). Qur'an ntagatifu ihamya ko ***"Ntabwo Muhamadi ari se w'uwo ari we wese muri mwe, ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n'uwasozereje abahanuzi."*** (Qur'an 33: 40).

Ubwo yahamyaga isano riri hagati ye na Yesu, Muhamadi yaravuze ati: **"Uwizera Yesu nanjye akanyizera, azahabwa ibihembo byikubye kabiri"**. Yarongeye aravuga ati: **"ninjye muntu uri hafi ya Yesu mwene Mariya kurusha abandi bose, kuberako nta wundi muhanuzi uri hagati yanjye na we"**.

Aya magambo ya gihanuzi atwereka uko Muhamadi yubahaga Yesu (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri bo bombi).
Hanyuma, ndaza kugaragaza ubuhanuzi bwa Yesu muri Bibiliya ku kuza kwa Muhamadi.



# Muhamadi: Umuntu udasanzwe!

Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) - kuva mu bwana bwe kugeza abaye ingimbi, mu gihe cy'ubuhanuzi bwe, no kugeza apfuye- abahanga mu kureba bamubonyemo umuntu udasanzwe kandi w'umunyacyubahiro ufite imico myiza bihebuje. Yari umunyempuhwe, akaba inyangamugayo, akagira umurava, akagira ineza, kandi akicisha bugufi. Buri makuru amuvugaho ku byamuranze haba ahagaragara cyangwa ahihishe, byose byabitswe neza kugeza na n'ubu.

Yari Intumwa, umuhanuzi, umwigisha w'idini, agaharanira impinduka mu mibereho, akaba intangarugero mu myitwarire, akaba umuyobozi ndetse n'umunyapolitiki, inshuti yizerwa, inshuti nziza, umugabo witanga, umubyeyi wuje urukundo. Mu gatabo ke yise **"Muhamadi: Umuhanuzi wa Isilamu"**, Porofeseri Ramakrishna Rao amwita **"icyitegererezo cyiza mu buzima bwa muntu"**, aravuga ati:

**Mu by'ukuri ntibyoroshye kubasha kuvuga Muhamadi uwo yari we ngo ube wabirangiza, ibyo navuga ni nk'agatonyanga mu Nyanja. Mbega ukuntu kumuvuga ari urukurikirane rutangaje rw'amashusho meza! Ni Muhamadi, Intumwa; Ni Muhamadi, Intwali; Muhamadi, Umucuruzi; Muhamadi, Umunyepolitiki, Muhamadi, Umuvugizi, Muhamadi, Impirimbanyi y'impinduramatwara, Muhamadi, Ubuhungiro bw'impfubyi, Muhamadi, Umurinzi w'abacakara, Muhamadi, Urwanira ishyaka abagore, Muhamadi, Umutagatifu. Ibi byose bivuzwe haruguru yabyitwaragamo gitwari.**



N'ubwo gusobanura ibyo andi madini yanditse ahanura ukuza kwa Muhamadi bitari mu ntumbero z'aka gatabo, ntibibujije ko navuga ku ntiti z'abayisilamu zabigarutseho mu nyandiko z'abakirisitu, abayahudi, abahindu n'abasenga Buda.

Mu by'ukuri ivugwa rya Muhamadi mu zindi nyandiko ni ingingo iteye amatsiko yanditsweho mu bitabo byinshi no ku mbuga nkoranyambaga zinyuranye.

Mu gitabo cye gitangaje yise Muhamadi muri Bibiliya, Porofeseri Abdul-Ahad Dawud (wahoze ari Pasiteri azwi nka Reverend David Benjamin) avugamo ko Bibiliya yahanuye ukuza kw'umuhanuzi 'umeze nka' Mose.

Mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri, Igice cya 18, umurongo wa 18 haragira hati:

***"Nzabahagurukiriza umuhanuzi umeze nka we ukomotse muri bene wabo, nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke ajye ababwira ibyo mutegetse byose."***

Aya magambo abaye atavuga Muhamadi, yaba atuzuye. Yesu ubwe ntabwo yigeze avuga ko ari we Ntumwa yavugwaga... Yesu, dukurikije imyizerere ya gikirisitu, azaza nk'umucamanza ntabwo azatanga amategeko, ariko uwahanuwe we agomba kuzana «amategeko yaka umuriro» mu «kuboko kwe kw›iburyo» [Gutegeka kwa kabiri 33: 2].



Abamenyi b'abayisilamu bahamya ko ubu buhanuzi nta wundi buvuga utari Muhamadi kubera ko Mose na Muhamadi bafite byinshi bahuriyeho. Amazina yabo atangizwa n'inyuguti imwe; bahuriye ku buryo bavutsemo busanzwe, urushako rwabo, ubutumwa bahawe, ndetse n'urupfu bapfuye. Bombi bari abahanuzi, abategetsi, abayobozi, n'abanyepolitiki. Bombi bazanye amategeko 'yaka umuriro'.

Ku rundi ruhande rero, Yesu atandukanye na Mose ku bijyanye n'uko yavutse, ubutumwa bwe, ndetse n'iherezo rye. Yesu ntiyashatse, ntiyigeze anategeka abantu be kurwana nk'uko Mose yabikoze.

Birakwiye ko tuvuga ko **"umuhanuzi ukomoka muri bene wabo"** bisobanura umuhanuzi ukomoka mu bavandimwe b'Abisiraheli (ni ukuvuga bene Ishimayeli, bari abarabu), ntabwo yavuye mu Bisiraheli ubwabo.

Mu nyandiko y›Isezerano Rishya dufite, Yesu yahanuye ukuza k'undi Mufasha, aravuga ati: **«kandi azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose»** (Yohana 14: 16).



Yesu kandi yaravuze ati:

**"Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamuboherereza. Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka; iby'icyaha, kuko batanyizeye, n'ibyo gukiranuka kuko njya kwa Data, kandi namwe muzaba mutakimbona, n'iby'amateka kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka. "Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira. Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga ku bwe, ahubwo ibyo azumva nibyo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho. Uwo azanyubahiriza, kuko azenda ku byanjye akabibabwira."** (Yohana 16: 7-14)



# None ubwo uwo 'mufasha' uzaza nyuma ya Yesu yaba ari inde wundi?

Abamenyi b'abayisilamu bavugako Muhamadi ariwe wujuje ubutumwa bwa Yesu ku bw'impamvu nyinshi zitandukanye, muri zo twavuga:

- Ubwo Yesu yavugaga ***'undi Mufasha'***, ntabwo yavugaga umwuka wera. (Abakirisitu benshi bemera ubutatu bugizwe n'Imana Data, Imana Mwana ndetse n'Imana Mwuka wera). Dukurikije Bibiliya, Umwuka wera wahozeho mbere ndetse no mu gihe cy'ubutumwa bwa Yesu, naho Umufasha we akaba yaragombaga kuza nyuma.

- Muhamadi yaje kuburira abantu ngo birinde ibyaha anabategeka gukora ibitunganye. Yari umutegetsi akaba n'umucamanza, yari afite ***'amategeko'*** mu ***'kiganza cye cy'iburyo'***.

- Muhamadi yayoboye abantu ku kuri kujyanye n'Imana imwe rukumbi y'ukuri, intego y'ubuzima, bwaba ubwo ku isi ndetse n'ubwo ku munsi w'imperuka ndetse n'ukundi kuri gutandukanye.

- Muhamadi yatubwiye ibizabaho mu bihe biri imbere abinyujije mu buhanuzi ndetse n'ibitangaza yagejejweho n'uwamutumye, ari we Allah.

- Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) ni we Ntumwa yavugwaga muri Bibiliya **"Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga ku bwe ahubwo ibyo azumva ni byo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho"** (Yohana 16: 13). Ni we nzira Imana yanyujijemo ijambo ryayo, aririyo Qur'an ntagatifu, yasomaga mu izina rya Allah. Bibiliya yarahanuye iti: **"azavuga mu izina ryanjye"** (Gutegeka kwa kabiri 18: 19). Urebye rero usanga buri gice muri Qur'an gitangizwa n'ijambo **"Ku izina ry'Imana"**. Qur'an ntagatifu iravuga iti:


رسول الله

# Uwo Muhanuzi ni Nde?

***“Ku izina rya Allah, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. Ndahiye inyenyeri igihe irenga, ko mugenzi wanyu (Intumwa Muhamadi) atigeze ayoba ndetse ko atigeze anateshuka (ku nzira y’ukuri), nta n’ubwo avuga ashingiye ku marangamamutima ye, ahubwo (ibyo avuga) ni ibyo ahishurirwa (na Allah)”***. (Qur’an 53: 1-4)

بِسْمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحْمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ

وَٱلنَّجْمِ إِذَا هَوَىٰ ﴿١﴾ مَا ضَلَّ صَاحِبُكُمْ وَمَا غَوَىٰ ﴿٢﴾ وَمَا يَنطِقُ
عَنِ ٱلْهَوَىٰٓ ﴿٣﴾ إِنْ هُوَ إِلَّا وَحْىٌ يُوحَىٰ ﴿٤﴾

- Ikindi kandi, Muhamad na Qur’an bagaragaje ibigwi bya Yesu. Mu kumuha icyubahiro, abayisilamu bakunda kwita abana babo izina Issa (imvugo y’icyarabu isobanuye ngo Yesu).

- Na none kandi, ubwo Abayahudi babazaga Yohana Umubatiza uwo ari we, yahakanye ko yaba ari we Kirisitu cyangwa Eliya cyangwa se ***“Wa muhanuzi!”***.

***“Urinde? Maze aravuga (Yohana) ati: ntabwo ari njye Kirisitu. Maze baramubaza bati: “none ubwo? Waba uri Eliya?” Aravuga ati: “oya, sindi we”. Ni wowe wa Muhanuzi? Aravuga ati: “Oya”***. (Yohana 1:19-21)



# Uwo Muhanuzi ni Nde?

Na none abahanga b'abayisilamu bagiye impaka ku kuba Muhamadi (amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri we) yaba ari we wavugwaga mu murongo wa Bibiliya ugira uti: ***"Ni wowe wa Muhanuzi"?*** Maze arasubiza ati: "Oya". None ***"uwo Muhanuzi ni nde?***"

Biragaragara rero ko uvugwa atari Yohana Umubatiza, Atari Yesu Kirisitu, nk'uko Yohana yabyivugiye.  Kugeza aha rero, umunyabwenge, inyangamugayo ishakisha ukuri kuzira uburyarya agomba kwibaza ikibazo kigira kiti:

**UWO MUHANUZI NI NDE?**
Ni uwuhe Muhanuzi waje nyuma ya Yohana na Yesu, akavuga ubutumwa bwabo bw'umwimerere buvuga ku Mana imwe rukumbi y'ukuri.

## NI MUHAMADI!



ASTEUR · NEWTON · EDISON · LAVOISIE

FARADAY · BECQUERE

PIZARRO · CONFUCIU

# THE 100

## A RANKING OF THE MOST INFLUENTIAL PERSONS IN HISTORY

---

**Michael H. Hart**

AO TSE-TUNG · MARX · MARCONI · FREU

OLIVAR · MICHELANGELO · POPE URBAN

RISTOTLE · PETER THE GREAT · NAPO

NIN · PICASSO · MALTHUS · JEFFE

RUS · GENGHIS KHAN · MOSES


# Ikigereranyo cy’ibyo abantu b’ibirangirire bavuze ku Ntumwa Muhamadi

Ibitabo byinshi byanditswe ku byerekeye Intumwa Muhamadi (Allah amuhe amahoro n’imigisha). Reka turebe bimwe mubizwi byavuzwe n’abantu babaye ibirangirire: Lamartine (umunyamateka w’ikirangirire) yarabajije ati:
**Niba uburemere bw’intego, ubucye bw’ubushobozi, n’ibisubizo bidasanzwe ari ibintu bitatu byerekana ubwenge bw’abantu, ninde watinyuka kugereranya umuntu ukomeye mu mateka ya none na Muhamadi?**

Lamartine yanzuyeko:
**Dukurikije ibipimo byose bishobora gupima ubuhambare bw’umuntu, dushobora kwibaza tuti: Hari umuntu wamuruta?** (Histoire de la Turquie, Paris 1854, Vol. II, pp. 276-277)

Mu gitabo cye The 100: A Ranking of the Most Influential Persons in History (Urutonde rw’abantu ijana bakomeye mu mateka), Michael H. Hart yaravuze ati: “Amahitamo yanjye yo kuba Muhamadi yayobora urutonde rw’abantu bakomeye ku isi, yagira abasomyi atangaza abandi na bo bakayibazaho, ariko icyo abantu bagomba kumenya ni uko ari we muntu wenyine wabashije kugera ku ntsinzi ihambaye haba mu bijyanye n’idini, haba mu bijyanye n’ubundi buzima busanzwe.”

Hart yanzuye avuga ko:
**Ibi yagezeho ntagereranywa byo kugira intsinzi mu by’isi ndetse n’idini ndumva ari byo biha uburenganzira Muhamadi gufatwa nk’umuntu ukomeye kurusha abandi mu mateka ya muntu.**



George Bernard Shaw

Mu gitabo cye ***The Genuine Islam,*** Sir George Bernard Shaw yaranditse ati:

**Ndahamya neza ko umuntu nka we (Muhamadi) iyo aba umuyobozi muri iyi si ya none, yari kubasha gukemura ibibazo mu buryo bwazana amahoro n'umunezero.**

Shaw yongeyeho ko:

**Ni we muntu udasanzwe kurusha abandi mu babayeho kuri iyi isi. Yigishije abantu idini, ashinga leta, ashyiraho imico ngenderwaho, ashyiraho impinduka mu buzima no muri politiki, yashyizeho umuryango ukomeye kandi ufite imbaraga zo kwitoza no guhagararira inyigisho ze anahindura isi y'ibitekerezo n'imyitwarire y'abantu mu bihe byose bizaza.**

Mahatma Gandhi yasobanuye ko:

**Naje kumenya neza ko inkota Atari yo yatumye Isilamu igera ku ntsinzi muri iyo minsi, ahubwo ni ubworoherane, kwiha intego no kuzubahiriza, kwitangira cyane inshuti ze n'abayoboke be, kuba intwari no kutagira ubwoba, ndetse no kwiringira Imana byimazeyo byaranze Intumwa y'Imana Muhamadi.** (Young India Newspaper)

Mu gitabo cye The Genuine Islam, Sir George Bernard Shaw yaranditse ati:

**Ndahamya neza ko umuntu nka we (Muhamadi) iyo aba umuyobozi muri iyi si ya none, yari kubasha gukemura ibibazo mu buryo bwazana amahoro n'umunezero.**


ENCYCLOPÆD
2
ZEM
ENCYCLOPÆD
1
IMP

Shaw yongeyeho ko:

**Ni we muntu udasanzwe kurusha abandi mu babayeho kuri iyi isi. Yigishije abantu idini, ashinga leta, ashyiraho imico ngenderwaho, ashyiraho impinduka mu buzima no muri politiki, yashyizeho umuryango ukomeye kandi ufite imbaraga zo kwitoza no guhagararira inyigisho ze anahindura isi y'ibitekerezo n'imyitwarire y'abantu mu bihe byose bizaza.**

Mahatma Gandhi yasobanuye ko:

**Naje kumenya neza ko inkota Atari yo yatumye Isilamu igera ku ntsinzi muri iyo minsi, ahubwo ni ubworoherane, kwiha intego no kuzubahiriza, kwitangira cyane inshuti ze n'abayoboke be, kuba intwari no kutagira ubwoba, ndetse no kwiringira Imana byimazeyo byaranze Intumwa y'Imana Muhamadi. (Young India Newspaper)**

Wolfgang Goethe (Umusizi uzwi cyane w'umunyaburayi) yavuze ko yizera ko:

**Muhamadi yari umuhanuzi atari umusizi bityo Qur'an ye igomba gufatwa nk'amategeko y'Imana, ntabwo ari igitabo cy'umuntu, cyandikiwe kuba inyigisho cyangwa imyidagaduro.**

Muri Ansikolopediya yitwa Britannica (umutwe wa 12) handitse ngo:

**Amakuru menshi aturuka ku isoko yizewe yo hambere yerekana ko (Muhamadi) yari umuntu w'inyangamugayo kandi ugororotse, akaba yarubahwaga n'abandi bari abanyabwenge b'inyangamugayo kandi bagororotse,… Muhamadi ni we ntumwa ndetse n'umunyedini wageze ku ntego ze kurusha abandi bose.**



John Esposito (umwarimu wigisha iyobokamana n'ibibazo mpuzamahanga muri Kaminuza akaba ari n'umuyobozi w'ikigo cy'ubushakashatsi mpuzamahanga muri Koleji y'umusaraba mutagatifu (College of the Holy Cross), akaba yaranashinze ikigo cya PABT gifasha mu gusobanukirwa abayisilamu n'abakirisitu muri kaminuza ya Georgetown muri Amerika) mu gitabo cye, The

Straight Path, yagaragaje ko:

**Muhamadi yari mu banyamadini bakomeye, abahanuzi n'abashinze amadini, b'imico n'imyitwarire bidasanzwe byatumaga abantu bagira icyizere n'ubwitange bidasanzwe. Intsinzi ye idasanzwe mu gukurura abayoboke no gushyiraho umuryango w'abaturage wiganje muri Arabiya ntibyatewe gusa n'uko yari umuhanga mu bya gisirikare no kuba yari azi ubwenge ahubwo harimo n'uko yari umuntu udasanzwe. Ubwo bamuyobokaga, abayoboke ba Muhamadi basanze ari umukiranutsi, umwizerwa, wubaha Imana, inyangamugayo n'umunyempuhwe.**

Yasobanuye neza ko **"Muhamadi atari we washinze Isilamu; ko nta dini rishya yigeze ashinga."**

Esposito yanashimangiye ukuri kw'uko:

**Isilamu yazanye ivugurura n'impinduramatwara; yaje ari undi muhamagaro uhamagarira abantu kugandukira Allah (Isilamu) no gushyira mu bikorwa ubushake bwe nk'uko byagaragaye mu buryo bwuzuye mu bihe bya nyuma bya Muhamadi, we wa nyuma, kandi wasozereje abahanuzi. Rero, kuri Muhamadi, Isilamu ntabwo yari ukwizera gushya ahubwo yagaruye ukwizera nyako.**

Thomas Carlyle mu gitabo cye cyitwa Heroes and Hero Worship yaragize ati:

**Ni gute umuntu umwe wenyine yashoboye guhuza amoko yahoraga arwana ndetse n'ababeduwi (abanyacyaro) bahoraga bazerera, abo bose akabagira igihugu gikomeye kandi gifite umuco mu myaka itarenze makumyabiri ... Ibinyoma (gusebanya kw'abo mu burengerazuba) bigaragaza neza ishyaka ryuzuye kuri uyu mugabo (Muhamadi) gusa biteye isoni kuri twe.**




# Zimwe mu nyigisho nziza z'Intumwa y'Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Amagambo akurikira ni amwe mu magambo y'Intumwa akwereka ubwiza n'uburyohe bw'amagambo ye:

- ***Ijambo ryiza ni ituro.***
- ***Kumwenyurira mugenzi wawe ni ituro.***
- ***Umwiza muri mwe ni urusha abandi imico myiza.***
- ***Gukura mu nzira icyakomeretsa mugenzi wawe ni ituro.***
- ***Ukwemera nyako kugaragazwa no kwihangana no kubabarira.***
- ***Ubwo yabazwaga igikorwa kiruta ibindi, yarasubije ati: "kugaburira no gusuhuza abo uzi ndetse n'abo utazi".***

Na none Intumwa Muhamadi (Allah amuhe amahoro n›imigisha) yaravuze ati:

- ***Nyirimpuhwe (Imana) agirira impuhwe abanyempuhwe, girira impuhwe ibiri mu isi, Uri mu ijuru nawe azakugirira impuhwe.***
- ***Ntabwo mwaba abemera nyakuri cyeretse buri wese abanje kwifuriza mugenzi we ibyo yifuriza umutima we.***
- ***Ntabwo ari umwemera wa wundi urya akuzuza inda kandi umuturanyi we aburaye.***
- ***Umunyembaraga si uwihutira kurwana, umunyembaraga ni wa wundi ubasha kwihangana igihe ahemukiwe (akosherejwe).***
- ***Imana ntishishikajwe n'imimibiri yanyu cyangwa uko mugaragara, ahubwo yita ku kureba mu mitima hanyu ndetse n'ibyo mukora.***



- ***Umwiza muri mwe ni uba mwiza mu muryango we, naho umubi muri mwe ni uba mubi mu muryango we.***
- ***Abeza muri mwe ni babandi beza ku bagore babo.***
- ***Ikiruta ibindi muri Isilamu ni ubwitonzi no kwihanganirana.***
- ***Abeza muri mwe ni abafitiye akamaro abandi.***

Aya ni amwe mu magambo y'ubwenge, atangaje kandi y'ingirakamaro y'Intumwa Muhamadi.

Intumwa y'Imana Muhamadi kandi yashyiraga mu bikorwa ibyo yigishaga; uko yafataga abantu ndetse n›imyitwarire ye ku bandi byagaragazaga imico ye idasanzwe kandi ihebuje nk'imbabazi, ubunyangamugayo, umurava, ubugwaneza, kuvugisha ukuri, kwicisha bugufi, ubuntu, kubabarirana, kwihangana, kwihanganira abandi, n'ibindi byiza byinshi.

Inkuru n'ibimenyetso byerekana imico myiza yihariye y'Intumwa ni byinshi cyane twavuga hano, reka byibura dufate urugero rumwe gusa.

- **Nyuma y'uko abamurwanyaga bo muri Maka bamwamaganye bakanamagana ubutumwa bwe bwa Isilamu …**
- **Nyuma yo kumutoteza no kumufata nabi, bagerageje kumwica inshuro nyinshi…**
- **Nyuma yo guhohotera no kwica urubozo benshi mu bayoboke be ndetse n'abakunzi be ...**
- **Nyuma y'uko bamurwanyije we na bagenzi be, bakabirukana mu ngo zabo bakanigarurira imitungo yabo ndetse n›ubutaka bwabo …**



Wakwibaza uti: Muhamadi (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yagenje ate abo banzi be ubwo yinjiraga mu mujyi wa Maka akawambura ababangikanyamana n’abapagani?

Nyuma yo kugera kuri iyo ntsinzi ikomeye, Intumwa Muhamadi n’abayisilamu, ubwo bari ku nduduro y’ibyishimo ubwo bishimiraga kugaruka imuhira mu mujyi mutagatifu wa Maka, Intumwa Muhamadi yakoranyirije hamwe abanya Maka, batinyaga ko azabagirira nabi cyangwa akabica kugira ngo yihorere kubera ibikorwa by’ihohoterwa bakoze ndetse bakanica Abayisilamu.

Muhamadi yarababajije ati: ***“muracyeka ko naba ngiye kubakorera iki?”***

Baramusubije bati: ***“Uri umuvandimwe mwiza ukanaba umuhungu w’umuvandimwe wacu w’umunyacyubahiro”***.

Ni uko urukundo, impuhwe, n’imbabazi biramwuzura maze arababababarira. Aranababwira iti: ***“Nimugende, ntawuzabagirira nabi. Murabohowe!”***

Hari aho wigeze ubona ibintu nk’ibyo? Hari aho se waba warigeze wumva inkuru nk’iyo? Urumva izo **mpuhwe z’Intumwa y’Imana**?



Ubwo Porofeseri John Esposito yasobanuraga ibi byabaye bitari byarigeze bibaho mu mateka, yaragize ati:
**Intumwa yirinze kwihorera, iha aho gutura ndetse n'imbabazi abari abanzi bayo aho kubatunga inkota. Ku ruhande rwabo na bo, Abanya Maka binjiye mu idini ya Isilamu, bemera ubuyobozi bwa Muhamadi, bityo binjizwa mu muryango mugari wa Isilamu (Ummat).**

Ku rundi ruhande, waba uzi amarorerwa yakozwe n'ibihugu bitandukanye 'by'ibihangange' mu mateka ya muntu, ubwo binjiraga mu bindi bihugu mu buryo butemewe, bagatera, bakica urubozo abandi?

Uko turushaho kumenya ubuzima bwa Muhamadi, niko turushaho kumenya imico ye ndetse n'imyitwarire myiza, no kumenya ko ***"yoherejwe ngo abe impuhwe ku batuye isi."*** (Qur'an 21: 107)

Intumwa y'Imana Muhamadi yaravuze iti: ***"Noherejwe ngo nuzurize imico myiza"***.

Mu guhamya ibi, muri Qur'an ntagatifu Allah yabwiye Muhamadi ati: ***"Rwose mu by'ukuri ufite ubupfura buhambaye."*** (Qur'an 68: 4)

# Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

**www.discoveritsbeauty.com**

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

**info@discoveritsbeauty.com**

## IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

http://www.allahsquran.com
http://www.quranexplorer.com
http://www.islamhouse.com
http://www.edialogue.org
http://www.islamreligion.com
http://www.newmuslimguide.com

## URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. **Agatonyanga mu nyanja**
2. **Idini rya Adamu na Eva**
3. **Byinshi kuri Islam**
4. **Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza**
5. **Amazina ye (Allah) meza**
6. **Ubuhanuzi bwa nyuma**
7. **Intumwa ya nyuma**

# UBUHAMYA BW'UKWEMERA
## (AMAREMBO AKWINJIZA MURI ISLAM)

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».

Mu cyarabu basoma ngo:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**

Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.






GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM

كتاب الرسول الخاتم باللغة الرواندية